

Amahame yo kwizera

1. Twemera ko Bibliya ari Ijambo ry’Imana ryahumetswe n’Umwuka Wera, rikaba ari ryo ryonyine rifite ubutware butunganye mu bintu byose birebana no kwizera ndetse no mu myifatire:
Gutegeka 4:2; Zaburi 19:7-9; Imigani 30:5-6; 1 Abakorinto 2:13; Abagalatiya 1:8-9; 2 Timoteyo 3:15-17; 2 Petero 1:20-21; Ibyahishuwe 22:18-19
2. Twemera ko hariho Imana imwe rukumbi, izahoraho iteka ryose mu buryo bw’ubutatu bwera: Imana Data, Mwana, n’Umwuka Wera:
Itangiriro 1:1-3; Yesaya 44:6-8; Matayo 28:19-20; Mariko 12:29; Yohana 1:1-4; Ibyakozwe n’intumwa 5:3-4; 2 Abakorinto 13:14
3. Twemera ko Imana Data wa twese, ihoraho iteka, umwuka ukwawo, itunganye mu kwera, mu bwenge mu bubasha no mu rukundo. Twemera ko irebana imbabazi ubuzima bwa buri wese, ko yumva kandi igasubiza amasengesho, kandi ko ikiza icyaha n’urupfu abayisanga bose banyuze kuri Yesu Kristo.
Itangiriro 21:33; Kuva 33:14; 2 Samweli 24:14; Yesaya 40:28; Yeremiya 31:3, 32: 17; Yohana 4:24; Abaroma 5:8, 11:33-34; Abefeso 1:19-20; 1 Yohana 5:14-15; Ibyahishuwe 4:8
4. Twemera Imana Mwana, Yesu Kristo Umukiza, Umwana w’Imana w’ikinege, ubumana bwe, ko yavutse ku mwari w’isugi, ko nta cyaha yigeze akora mu buzima bwe, ko yakoze ibitangaza, ko yitanze ku bw’urupfu rwe n’amaraso yamennye, ko yazutse, ko yazamutse akajya mu ijuru, akaba yicaye iburyo bwa Se, ko ahora asabira abantu be ku Mana, kandi ko azagaruka ubwe mu mbaraga n’icyubahiro.
Matayo 24:30; Mariko 8:38; Luka 1:34-35, 24:27; Yohana 1:1-2, 14, 18; 3:16; Abaroma 3:23-26; 8:34; 1 Abakorinto 15:3-4; Abaheburayo 4:15
5. Twemera Imana Umwuka Wera, Umufasha n’ Umuhoya, ko buri muni atuyobora kandi akaduhishurira ukuri, ko yemeza iby’icyaha, ibyo gukiranuka n’urubanza kandi ko aba mu muntu iyo yakiriye agakiza, agafasha abizera kubaha Imana mu mibereho yabo.
Yohana 3:5-8, 14:16-17, 16:13-14; Ibyakozwe 1:8; 1 Abakorinto 12:13; Abefeso 4:30-32; 5:18
6. Twemera ko buri muntu avukana kamere y’icyaha, ko aba atandukanijwe n’ubwiza bw’Imana kandi aba akeneye agakiza. Guhindurwa n’Umwuka Wera birakenewe kugirango haboneke agakiza binyuze mu kwihana ibyaha no kwakira Yesu Kristo nk’Umwami n’Umukiza.
Yohana 3:5-8, 5:24; Ibyakozwe 2:21; Abefeso 1:6-7, 2:8-9; Tito 3:5; 1 Petero 1:23
7. Twemera izuka ry’abapfuye, ku bakijijwe no kubazimiye; abapfuye bakijijwe bakazukira kubona ubugingo buhoraho naho abazimiye bakazukira guhanwa iteka bari mu muriro utazima.
Luka 16:19-26; 2 Abakorinto 5:8; Abafilipi 1:23; 2 Abatesalonike 1:7-9; Ibyahishuwe 20:11-15
8. Twemera ko hari ubumwe bw’Umwuka hagati y’abizera Umwami Yesu Kristo.
Ibyakozwe 2:42-47; Abaroma 15:5-6; 1 Abakorinto 12:12-13; Abefeso 4:3-6

